



## Ikintu cya mbere gitera uburozi bwa lead mu bana muri Maine ni umukungugu uturuka aho bateye irangi ririmo lead

Buri mwaka abana barenga 300 bo muri Maine barogwa n'uburozi bwa lead Umukungugu wa lead wikusanyiriza hasi n'ahandi hantu abana bakunda gushyira intoki zabo bagakinisha ibikinisho. Abana, cyane cyane abafite munsi y'imyaka 3, akenshi bashyira intoki zabo n'ibikinisho mu kanwa. Ibi bituma byoroha cyane ku mukungugu wa lead kwinjira, no kwangiza, imibiri yabo iri gukura.

## Umukungugu wa lead uvuye ku irangi riteye ririmo lead

Uko irangi ririmo lead rigenda risaza rikiyasa, umukungugu wa lead witekera ku gice cyo hasi cy'idirishya no hasi mu nzu yawe. Uyu mukungu wa lead ushobora kuguma mu rugo rwawe mu gihe kirekire. Ahantu hasize irangi ry'ubutare bwa lead rikubwa rikavunguka, nko ku nkomanizo z'imiryango, amadirishya, ndetse no hasi aho ugenda, hashobora kubyara umukungucu wa lead.

Lead bushobora kandi guturuka ahantu amazu ari gusanwa no guhindurwa mashya. Iyo usenny, ushwaratuye cyangwa ugakubaganya ahsize irangi rya lead ushobora gukora umukungugu wa lead. Niba ukora ku nzu y'undi muntu isize irangi rifite lead, ushobora kuzana uwo mukungugu wa lead mu rugo cyangwa mu modoka. Igihe cyose uzanye umukungugu wa lead mu rugo, mu nzu yawe haba hari lead nyinshi.

## Lead iturutse ahandi hantu

Ahantu hateye irangi rya lead ni ho hantu rusange hava uburozi bwa lead. Rimwe na rimwe, ahandi hantu haturuka lead hashobora kuba ingenzi.

**Ubutaka, by'umwihariko ubwegereye inyubako ishaje.**  
Iyo irangi ririmo lead ryakoreshejwe hanze y'inyubako, utuvungukira twa lead cyangwa umukungugu wabwo bishobora kuba biri mu butaka bwegereye inyubako. Ibi bishobora gutera uburozi buturuka ku butare bwa lead kubera ko abana bakunda kwiyanduza intoki, no mu kanwa kabo. Jya ureka abana bakinire mu byatsi cyangwa mu gasanduku k'umucanga kandi ubashyire kure y'ubutaka butariho ikintu n'itaka ryanduye. Koresha tapi yo ku muryango kugira ngo umukungugu wa lead utagera mu nzu. Reba Urupapuro rw'inama rwa 4, **Gupima ko mu nzu yanje harimo lead**, kugira ngo umenye uko bapima ubutaka.

**Ibikorwa ukunda gukora bikunezeza.** Ibikorwa bimwe na bimwe ukunda gukora bikunezeza bishobora gutuma uhura na lead. Ingero zirimo: gukora ibirahure birimo amabara, gutera indobani zikoze muri lead, gukora amasasu yawe (kongera amasasu mu mbunda) cyangwa kuvugurura ibikoresho. Niba igikorwa ukunda gukora kikunezeza gituma ukora kuri lead, koresha imyambaro yo gukora icyo gikorwa yabugenewe kandi uyimeze ukwayo, karaba intoki zawe n'isabune kandi ntutume abana bagera hafi y'ibi bikorwa.

**Ibikoresho bya kera cyangwa ibikoresho bisinze irangi rya kera n'ibikinisho.** Buri rangi ryose ryatewe mbere ya 1978 rishobora kuba ririmo lead. Irangi ryasinzwé mbere ya 1950 ririmo lead nyinshi. Kora ku buryo igikoresho cya kera cyose cyangwa ibikinisho bya kera biteye irangi biba bimeze neza (nta kuvungura cyangwa guharatura irangi) kandi bigomba kubikwa ho abana batagera.

**Amazi Ubutare** bwo muri kwivure, ubutare bwo mu itini cyangwa amatiyo arimo lead bushobora kwivanga n'amazi amwe n'amwe. Jya unywa amazi akonje avuye muri robine kandi ujye ufungura amazi amare akanya mbere yo kuzuza ikirahure cyawe. Niba ufite ivomero ryawe, pima amazi yawe - reba wellwater.maine.gov umenye ibyisumbuye.

**Ibikinisho & Ibindi bicuruzwa** Si kenshi umwana yangizwa na lead buri mu bikinisho. Wareba cpsc.gov ukamenya ibijyanye no gusubiza igicuruzwa. Imigenzo imwe n'imiti y'ibyatsi na byo bishobora kuba birimo lead. Ntugahe umwana wawe inyunganiramirire keretse muganga abikubwiye.

## Rinda umuryango wawe.

- Reba uru rubuga: [maine.gov/healthyhomes](http://maine.gov/healthyhomes)
- Hamagara usabe inama: **866-292-3474 • TTY: Hamagara Nomero ihamagarwa n'abafite ubumuga muri Maine 711**

